

# REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI

KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE IBARURA

## IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

P.O. Box 6139 Kigali. Tel.: (+250)252571035

Fax: (+250)252570705

E-mail:info@statistics.gov.rw

## IBARURA RYA KANE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE (16-30 KANAMA 2012)

AGATABO K'AMABWIRIZA Y'UMUGENZUZI  
W'UDUPANDE TW'IBARURA

Kanama, 2012

# **IBIRIMO**

## **I : IRIBURIRO**

**3**

### **1.ISHUSHO MBONERA Y'IMIRIMO Y'IBARURA**

**4**

## **II. AMABWIRIZA RUSANGE**

**5**

- |   |   |
|---|---|
| 2.1. Inshingano z'umugenzuzi w'udupande tw'ibarura        | 5 |
| 2.2. Uruhare rw'umugenzuzi w'udupande tw'ibarura          | 5 |
| 2.3. Icyicaro cy'umugenzuzi w'udupande tw'Ibarura rusange | 6 |

## **III. KUMENYA IMBIBI Z'UDUPANDE TW'IBARURA**

**6**

- |   |   |
|---|---|
| 3.1. Mbere yo gutangira igikorwa cyo kujya mu dupande tw'Ibarura. | 6 |
| 3.2. Igihe mugeze mu dupande tw'Ibarura                           | 6 |

## **IV. INSHINGANO ZAWE MU GIHE CY'IBARURA**

**7**

- |   |    |
|---|----|
| 4.1. Gushyira numero ku mazu  | 8  |
| 4.2. Kugira ibanga  | 8  |
| 4.3. Imibanire yawe n'abakarani b'Ibarura                                   | 8  |
| 4.4. Umunsi wa mbere w'Ibarura  | 8  |
| 4.5. Umunsi wa kabiri w'Ibarura   | 9  |
| 4.6. Amasaha y'akazi mu gihe cy'Ibarura                                     | 9  |
| 4.7. Gusimburwa kw'abakarani b'Ibarura barwaye n'abadashoboye               | 10 |
| 4.8. Ni ryari washinga umukarani w'Ibarura udupande tubiri tw'Ibarura?      | 10 |
| 4.9. Ni ryari washinga abakarani b'Ibarura babiri agapande kamwe k'Ibarura? | 10 |
| 4.10. Kugenzura buri gihe imirimo y'Ibarura                                 | 11 |
| 4.11. Izindi nshingano z'umugenzuzi w'udupande tw'Ibarura.                  | 12 |

## **V. HAKORWA IKI NYUMA Y'IBARURA?**

**12**

- |  |    |
|--|----|
| 5.1. Kwegeranya intonde z'ibibazwa za buri gapande k'Ibarura | 12 |
| 5.2. UMWANZURO   | 13 |

## **IMIGEREKA**

**14**

## I : IRIBURIRO

Ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire ridufasha kubona imibarengenderwaho mu igenamigambi ry'ighugu, ituma ubuyobozi cyangwa abandi baterankunga, berekwa mu gihe cya vuba ndetse n'ikizaza, ibikenewe n'aho bikenewe kuba, kugirango hategurwe igenamigambi mu by'amajyambere, mu by'ubukungu n'imibereho myiza y'abatuye Igihugu.

Muri aka gatabo, hakubiyemo amabwiriza agenewe umugenzi w'udupande tw'ibarura mu Ibarura Rusange rya kane ry'Abaturage n'Imiturire rizaba kuva kuwa 16 kugeza kuwa 30 Kanama 2012.


Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire rigamije kumenya umubare n'imiturire y'abaturage bose bari ku butaka bw'u Rwanda mu ijoro ry'ibarura (ni ukuvuga ijoro ryo kuwa 15/08 rishyira uwa 16/08/2012).

Ibarura Rusange rya kane rizatuma hamenyekana imihindukire y'imibare, kuva ku Ibarura Rusange ryo muri Kanama 2002 n'impinduka zakurikiyeho zose ku mubare rusange w'abaturage, ku bagize urugo, ndetse n'ibyerekeranye n'imibereho y'abaturage, ubukungu n'imiturire yabo.

Wowe ukora akazi k'umugenzi w'udupande tw'Ibarura Rusange, ufite imirimo ya ngombwa. Kugira ngo iri Barura Rusange rigere ku ntego yaryo, urwego rw'umugenzi rurakenewe cyane haba mu mitunganyirize n'imiyoborere y'imirimo y'Ibarura Rusange mu bice byose.

Imigendekere myiza no kugera ku ntego kw'iri barura bizaterw n'uburyo uzakora imirimo yawe. Nutita ku kazi ushinzwe hanyuma ibarura rusange rikagenda nabi, ibizavamo ntacyo bizaba bimaze, igihugu kikaba kihahombeye bikomeye.

## ISHUSHO MBONERA Y'IMIRIMO Y'IBARURA



## **II. AMABWIRIZA RUSANGE**

### **2.1 Inshingano z'umugenzi w'udupande tw'ibarura**

Nk'umugenzi w'udupande tw'ibarura ugomba gukora ibi bikurikira:

1. Kugenzura abakarani b'ibarura rusange b'udupande ushinzwe;
2. Ugomba gusura buri mukarani w'lbarura ugakemura n'ibibazo ahura nabyo kandi ugakora igenzura ry'ibyo yuzuza buri munsi;
3. Kugenzura niba intonde zuzuzwa nta makosa arimo;
4. Gutanaga raporo ya buri munsi y'uko imirimo igenda n'ibibazo wahuye nabyo ku mugenzusi w'umurenge;
5. Kugira imibanire myiza hagati y'abakarani b'ibarura, ndetse n'umugenzi w'umurenge;
6. Kuba umuhuza hagati y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'abakarani b'ibarura ushinzwe;
7. Gukoresha inama abarani b'ibarura buri munsi bibaye bishoboka;
8. Kureba uburyo abakarani b'ibarura bakora niba bubahiriza ingo zigomba gukorwa ku munsi kandi niba batazarena igehe cyateganyijwe;
9. Kubwira abakarani b'ibarura amakosa bakoze n'uburyo bwo kuyirinda.

### **2.2 Uruhare rw'umugenzi w'udupande tw'ibarura**

Iri Barura rigamije kwegeranya no kumenya neza umubare, imiterere n'imiturire y'abaturarwanda. Imibare izarivamo izafasha mu gushyira mu bikorwa politiki y'u Rwanda igamije imibereho myiza y'abaturage, na gahunda yo kurwanya ubukene kugira ngo hashyirweho ingamba zihamye zo gutsura amajyambere mu mibereho n'ubukungu. Nkuko twabibonye uzagira uruhare rukomeye kugirango iri Barura rusange rigere ku ntego yaryo. Niyo mpamvu kubera urugero rwiza abo ushinzwe kugenzura.

1. Ugomba kuba wumva neza icyo ibarura rusange icyo ari aricyo ni cyo rigamije;
2. Ugamba kuba wumva neza imigendekere y'ibarura n'inshingano zawe zose;
3. Kugaragaza ubushake n'imyumvire myiza ku ibarura rusange;
4. Gukemura ibibazo byose bishobora kuvuka mu gihe cy'lbarura rusange;
5. Kumenya urutonde rw'ibibazwa kugirango ubashe kugira inama abo uyobora;
6. Ugomba kubahiriza amasaha y'akazi byaba ngombwa agakora nyuma y'amasaha y'akazi.

Ugomba gusoma kenshi no gusobanukirwa neza ibyanditse mu gatabo k'umukarani w'lbarura, karimo amabwiriza anononsoye azamufasha gutunganya imirimo ye y'lbarura. Nibwo uzashobora kugenzura neza, gufasha no gukemura ingorane umukarani w'lbarura yahura nazo.

### **2.3. Icyicaro cy'umugenzuzi w'udupande tw'lbarura rusange**

Mbere yuko Imirimo y'lbarura mu ngo itangira, ugomba kuba waramenyesheje abakarani b'lbarura aho icyicaro cyawe giherereye, kandi ibyiza nuko wagishyira hagati y'udupande tw'lbarura ushinzwe kuyobora. Ibi ntibivuga ariko ko imirimo yaye uzayikorera mu biro gusa kuko igihe kinini uzaba uri gukurikirana no kugenzura imirimo y'lbarura mu ngo n'ibigo. Ugomba kandi kumenyesha umugenzuzi w'umurenge gahunda yaye n'aho yagushakira buri gihe.

Icyiciro cy'umugenzuzi w'udupande tw'ibarura cyigomba kuba cyujuje ibi bikurikira:

- Kuba nibura kirihtagati y'udupande tw'ibarura agomba kugenzura;
- Kuba gishobora kugerwaho n'umugenzuzi w'umurenge ndetse n'abakarani b'ibarura nta ngorane bagize.

## **III. KUMENYA IMBIBI Z'UDUPANDE TW'IBARURA**

Mbere yo gutangira igikorwa cy'ibarura bayobozi bawe bazaguha udupande tw'ibarura ushinzwe kugirango umenye imbibи zatwo dupande, aribyo bizakurinda kugira urugo rusigara rutabaruwe cyangwa se hakagira urubarurwa kabiri.

### **3.1. Mbere yo gutangira igikorwa cyo kujya mu dupande tw'lbarura.**

Mbere yo gutangira igikorwa cyo kujya mu dupande tw'ibarura ugomba kwiga neza ikarita y'udupande ushinzwe kugenzura, ukareba ibimenyetso bigaragara bidutandukanya, aho uftite ingorane ukitabaza umugenzuzi w'umurenge akagufasha gukemura icyo kibazo.

Wowe n'abakarani b'ibarura b'udupande ushinzwe kugenzura mugomba kurebera hamwe imbibи z'udupande tw'ibarura kandi mu kibanda cyane aho utwo dupande duhanira imbibи kugirango hatagira uzarenga imbibи ze cyangwa akagira ingo asiga atabaruye akeka ko zitari mugapande k'ibarura ashinzwe.

Mu kwirinda icyabangamira imigendekere myiza y'lbarura rusange, ugomba kumenya neza niba buri mukarani wawe afite ibikoresho byose biteganyijwe.

### **3.2 Igihe mugeze mu dupande tw'lbarura**

Mu gihe wowe n'abakarani bawe b'lbarura mugenzura imbibи z'udupande tw'lbarura, musabwe kwegera abayobozi b'inzezo z'ibanze mukabasobanurira intego z'ibarura n'icyo rizamarira abaturage, munabumvisha ko inkunga n'ubufatanye bwabo bikenewe kugira ngo imirimo y'lbarura izatungane. Izo ntego ariko mugomba no kugergeza kuzisobanurira abaturage bose.

Ugomba kugenzura niba abayobozi b'ibanze baramenyе gahunda y'lbarura, babyumvise ku maradiyo, mu binyamakuru, cyangwa barabimeneshejwe n'inzezo z'ubuyobozi. Ni wowe kandi ugomba kumanika impapuro zamamaza lbarura (affiches publicitaires) ahantu hose hagaragara kandi hahurira abantu benshi .

**Urugero:** Inzu z'ubutegetsi, iduka, banki, ibitaro, kiriziya, akabari,..... Imenyekanisha ry'Ibarura mugomba kuritangira kuva mukigera mu dupande tw'Ibarura kugeza igihe imirimo y'Ibarura mu ngo n'ibigo isorejwe(30/08/2012).

Menya ko uramutse wirengagije abayobozi b'Ibanze, mbere yo gutangira Ibarura, abaturage bashobora kwanga kwitabira icyo gikorwa.

Abakarani b'ibarura bamaze kugera mu dupande tw'Ibarura, ugomba kumenya imbibi za buri gapande kugirango hatazabaho ko hari ingo zizasigara zitabaruwe cyangwa se hari izabarurwa kabiri.

Nyuma yo kumenya imbibi buri mukarani agomba kuzenguraka agapande akareba niba nta nzu ziri ahantu hihishe kuryo zishobora kwibagirana.

Mbere y'ijoro ry'Ibarura, buri mukarani w'Ibarura agomba kuba yarasuye kandi yaranasuzumye imbibi z'ingo n'ibigo biri mu gapande ke k'Ibarura. Mu gihe ugenzura imbibi, usabwe kugenda uri kumwe n'abandi bakarani b'utundi dupande tw'Ibarura, kugira ngo bamenye imbibi basangije kandi bazazubahirize mu gihe cy'Ibarura.

Uramutse ubonye amakosa udashobora gukosora mu gihe ugenzura imbibi z'agapande k'Ibarura, ihutire kugisha inama umugenzuzi wawe w'umurenge.

Kugenzura imbibi z'agapande k'Ibarura bituma amakosa yakozwe ku makarita amenyekana. Biranashoboka kandi ko n'abashushanyi b'amakarita baba baribagiwe gushyiraho ikigo runaka kibarizwa mu dupande tw'Ibarura ushinzwe kuyobora.

Amagenzura menshi azakorwa nibiba ngombwa, kugira ngo umukarani w'Ibarura amenye neza imbibi z'agapande ke n'umudugudu azakoreramo.

Ku ikarita y'agapande k'Ibarura uzasangaho ibimenyetso bikurikira kugirango bizagufashe kumenya neza imbibi zaho urimo gukorera.

- Imihanda, inzira n'utuyira
- Imigezi, ibiyaga, inzuzi...
- Amashuri, ibitaro, insengero, n'ibindi bikorwa remezo biri mu gapande k'ibarura.  
Ugomba kwibuka ko ugomba kuba wumva cyane ibikorwa byose by'ibarura  
kugirango nihagira ikibazo kivuka uzagikemure bitagaragaye ko uhuzagurika.

#### **IV. INSHINGANO ZAWE MU GIHE CY'IBARURA**

Guhuza no kugenzura imirimo y'Ibarura bikorwa kuva ku rwego rwo hejuru kugeza ku rwo hasi. Uri hagati y'umukarani w'Ibarura n'umugenzuzi w'umurenge ari nawe muyobozi wawe. Usabwe rero kubahiriza amabwiriza yose uhawе n'ugukuriye (umugenzuzi w'umurenge)no gukorana neza n'abo ushinzwe kuyobora (abakarani b'Ibarura).

#### **4.1 Gushyira numero ku mazu**

Gushyira numero ku ngo no ku mazu ni igikorwa kigomba kwitonderwa kuko niho ibarura ryose rishingiye. Ugomba kureba niba nta nzu yibagiranye mu gihe cyo gushyiraho nimeru, ukareba kandi ko nta mukarani wibeshye imbibi agashyira numero ku nzu zo mu kandi gapande, icyo gihe uhuza abo bakarani hanyuma mugashakira igisubizo hamwe. Iyo usanze hari uwo mudupande udashinzwe kugenzura icyo gihe ikibazo ukigeza ku mugenzuzi w'utwo dupande tw'Ibarura cyangwa ukifashisha umugenzi w'umurenge.

#### **4.2 Kugira ibanga**

Nkoko wabyigishijwe mu mahugurwa ugomba kugira ibanga ry'ibiru mu ntonde z'ibibazwa kandi ukareba ko abakarani bawe babyuhiriza. Ntugomba gukoresha ibyo wabwiwe mu gihe cy'ibarura cyangwa nyuma ryararangiye, kandi ugomba no kugira ibanga ry'ibyo umukarani w'Ibarura akubwiye.

#### **4.3. Imibanire yawe n'abakarani b'Ibarura**

Kubera akamaro kanini uyu murimo w'Ibarura ufitiye ighugu, usabwe kugergeza kubera intangarugero abakarani b'Ibarura, ubasobanurira neza, wiyyoroheje, kugira ngo bashobore kuza bakugana bakugezaho ibibazo byabo. Uretse no kuba warahuguriwe hamwe n'abakarani b'Ibarura ushinzwe kuyobora, menya ko bamwe mu bakarani b'Ibarura mushobora kuba munganya amashuri. Ntubahe rero urwitwazo rwatuma banenga ubuyobozi bwawe.

Ibuka ko uri umuyobozi wabo, bazaza bakugana ighihe cyose bazaba bafite ibibazo. Ugomba rero kubabonera igisubizo gikwiye, kuko bitabaye ibyo, ntibazongera kuza bakugana. Ibyo bikaba byabangamira imigendekere myiza y'Ibarura.

Abakarani b'Ibarura bigishijwe uburyo bagomba gukora umurimo w'Ibarura. Ntuzabahé amabwiriza yatuma bashidikanya. Igihe cyose ukekeranya, babwize ukuri ko nawe utabizi neza, ko uzabaha ibisobanuro bihagije umaze gusobanuza umugenzi ugukuriye. Ni byiza kwemera ko utazi ikintu aho gutanga ibisubizo bidasobanutse.

Ntuzakosore umukarani wawe muri mu baturage, ahubwo umujyane ku ruhande kugirango utamukoza isoni, wibuke ko uburyo Ibarura rizagera ku ntego zayo bizaterwa n'imibanire yawe hamwe n'abakarani b'Ibarura.

Mu gihe cy'Ibarura ugomba kumvikana no gufatikanya n'abakarani b'Ibarura ushinzwe kuyobora. Irinde rero ikintu cyose cyatuma havuka umwuka mubi hagati yawe nabo kuko byabangamira imigendekere y'imrimo y'Ibarura. Nibadatunganya umurimo wabo nawe uzabigayirwa, nk'uko nutungana uzabishimirwa.

#### **4.4 Umunsi wa mbere w'Ibarura**

Ku munsi wa mbere w'Ibarura (16/08/2002) ugomba kugenzura buri mukarani w'Ibarura, ugasuzuma hakiri kare ibitagenda neza kugira ngo bikosorwe. Usabwe gukurikira

nibura ibiganiro bibiri mu ngo kuri buri mukarani w'Ibarura. Suzuma amakosa yakozwe yose hanyuma uyakosorere hamwe n'umukarani ariko hanze y'urugo. Irinde gucyaha abakarani b'Ibarura ababazwa bumva.

Ku mugoroba w'umunsi wa mbere w'Ibarura, icara hamwe usuzume intonde zose z'ibibazwa zujujwe, urebe amakosa yiganjemo, hanyuma uyamenyeshe abakarani bayakoze kugira ngo bikosore.

#### **4.5 Umunsi wa kabiri w'Ibarura**

Ku munsi wa kabiri w'Ibarura, ugomba gukurikirana nibura ikiganiro kimwe mu ngo kuri buri mukarani w'Ibarura. Genzura kandi ukosore amakosa nkuko wabigenje ku munsi wa mbere. Subiza abakarani b'Ibarura intonde z'ibibazwa zujujwe nabi kugira ngo basubire mu ngo gukosora amakosa bakoze.

Niba bishoboka ugomba gukurikirana ibiganiro by'abakarani b'Ibarura nibura icyumweru cyo mbere kugirango urebe hakiri kare abakarani bafite ikibazo kugirango bikemurwe bikiri mu maguru mashya.

**N.B:** Ugomba kwibuka kumenyesha buri gihe abo mukorana aho wakoreye kugirango uwagushaka amenye aho yagusanga.

#### **4.6 Amasaha y'akazi mu gihe cy'Ibarura**

Wowe n'abakarani bawe b'Ibarura hari igihe muzasabwa gukora umurimo w'Ibarura mbere cyangwa nyuma y'amasaha asanzwe y'akazi. Mbere ariko yo kujya kubonana n'ababarurwa, umukarani w'Ibarura agomba kuba yarateguje ingo azasura isaha n'umunsi azabasuriraho. Uzakore uko ushoboye kose kugira ngo urangize umurimo ushinzwe mu byumweru bibiri byateganijwe (kuva kuwa 16 kugeza kuwa 30 Kanama 2012).

Niba ubona utazashobora kuwurangiriza igihe, bimenyeshe hakiri kare umugenzi wawe w'umurenge kugira ngo aguhe umukarani w'Ibarura w'umusimbura cyangwa se abandi bakarani b'Ibarura barangije mbere y'igihe cyateganijwe kubarura udupande twabo tw'Ibarura. Icyo gihe rero bagutera ingabo mu bitugu nawe ukarangiriza igihe.

Nta mpamvu n'imwe ishobora kuguagarika igihe cyose utararangiza Ibarura.

Kubera akamaro kanini uyu murimo ufitiye ighugu, no kubera ko Ibarura nk'iri rikorwa nibura rimwe mu myaka icumi, saba buri mukarani w'Ibarura gukora iyo bwabaga kugira ngo uwo murimo uzatungane.

Mu gihe hari abakarani b'Ibarura barangije mbere y'igihe cyateganijwe, ugomba kuboherenza kujya gufasha bagenzi babo batabashije kurangiza vuba Ibarura cyangwa se bafite udupande tw'Ibarura tugoranye cyangwa dutuwe cyane. Mu dupande tw'Ibarura uyobora, abakarani b'Ibarura bagomba gufashanya no gushyira hamwe. Mu gihe ubona

ko nubwo bwose bafashanya, badashobora kurangiriza igihe, ihutire kubimenyesha umugenzi wawe w'akarere.

#### **4.7 Gusimburwa kw'abakarani b'Ibarura barwaye n'abadashoboye**

Hateganyijwe Umusimbura umwe kuri buri dupande dutanu tw'Ibarura.

Mu gihe umwe mu bakarani b'Ibarura bawe aramutse arwaye, ihutire kubimenyesha umugenzi w'umurenge kugira ngo ahite asimburwa.

N'ubwo bwose hatoranyijwe abakarani b'Ibarura bashoboye gukora imirimo y'Ibarura, ugomba kugenzura imikorere yabo mu gihe cy'Ibarura, cyane cyane uburyo urutonde rw'ibibazwa n'agatabo k'agapande k'Ibarura byuzuzwa.

Uramutse ubonye ko umukarani w'Ibarura afite ubushobozi buke, kandi adakora akazi ke ku buryo bushimishije, ihutire kubimenyesha umugenzi w'umurenge kugira ngo asimburwe.

Genzura neza niba ibikoresho byose by'umukarani wasimbuwe byuzuye, ubyegeranye, kugira ngo ubishyikirize uwamusimbuye.

##### **Icyitonderwa:**

1. Mbere yo gukoresha umukarani w'Ibarura w'umusimbura. ugomba kubanza kubimenyesha umugenzi wawe w'umurenge kuko ariwe ufata icyemezo cyo kumukoresha.
2. Hakurikijwe amabwiriza agenga umukarani w'Ibarura, nta mukarani ugomba kwiha gusiba umunsi n'umwe mu gihe cy'Ibarura yitwaje idini. Umukarani w'Ibarura waramuka rero yihaye gusiba ku wa gatandatu cyangwa ku cy'umweru, ugomba guhita ubimenyesha umugenzi wawe w'umurenge kugira ngo ahite asimburwa.

#### **4.8 Ni ryari washinga umukarani w'Ibarura udupande tubiri tw'Ibarura?**

Mu gihe usanze hari udupande tw'Ibarura dufite umubare w'abaturage muto cyane ku wateganyijwe (munsi y'abantu 500), icyo gihe umukarani w'Ibarura ahabwa udupande tubiri tw'Ibarura azakoreramo. Iyo biteye gutya ariko na none ugomba kubanza kubimenyesha umugenzi wawe w'umurenge akaba ari we ufata icyemezo. Ukugabanuka k'umubare w'abaturage mu gihe cy'Ibarura, uterwa ahanini n'abantu baba barimutse cyangwa se n'abashushanyi b'amakarita baba baragereranije nabi umubare w'ingo ziri mu gapande k'Ibarura.mu gushyira nomero ku mazu buri gapande kazashyirwaho nomero ukwako, kandi ibirebana nako byose bizabikwa ukwabyo.

#### **4.9 Ni ryari washinga abakarani b'Ibarura babiri agapande kamwe k'Ibarura?**

N'ubwo abakora amakarita bagerageje gukata udupande tw'Ibarura dufite abantu bakabakaba 1500, uzasanga hari agapande k'Ibarura gafite abantu barenze uwo mubare ku buryo umukarani umwe atarangiza kukabarura mu gihe cyateganyijwe.

Mu gihe cy'igenzura ry'imbibi cyangwa se no mu gihe cy'Ibarura, nusanga agapande k'Ibarura ko mu cyaro n'ako mu mujyi gafite abantu barenze 750 b'ingo nka 240 , uzagabanye ako gapande k'Ibarura ku buryo bukurikira :

1. Ifashishe umukarani w'Ibarura w'umusimbura,
2. Shakisha urubibi rugaragara rwatuma ugabanya ako gapande k'Ibarura kanini mo ibipande bibiri. Igipande kimwe kizahabwa umukarani w'Ibarura, ikindi gihabwe umusimbura. Iryo gabanya rizafasha gusa mu gihe cy'Ibarura nibbarangiza bazihurize hamwe.
3. Buri mukarani w'Ibarura azahabwa isakoshi irimo ibi bikurikira : intonde z'ibibazwa, agatabo k'umukarani w'Ibarura, agatabo k'agapande k'Ibarura, ikarita y'agapande k'ibarura n'inyandiko zo gusaba kubonana z'umukarani w'Ibarura.

**Icyitonderwa:** Nubwo bwose agapande k'Ibarura kazaba kagabanyijwemo udupande tubiri kandi twabaruwe n'abakarani babiri, byumvikane neza ko umubare w'abaturage uzatuvamo uzaba ugize agapande k'Ibarura kamwe. Naho kubyerekeranye no gushyira numero ku mazu no ku ngo z'utwo dupande twombi, bizakorwa nk'aho ari agapande kamwe k'Ibarura kandi hakurikizwe amabwiriza asanzwe akubiye mu gatabo k'umukarani w'Ibarura arebana no gushyira numero ku nzu n'ingo.

#### **4.10 Kugenzura buri gihe imirimo y'Ibarura**

Ugomba gusura kenshi abakarani b'Ibarura, ibyo bizatuma umenyu hakiri kare abadashoboye n'abanebwe, wite cyane kuri bene abo. Menyesha buri mukarani amakosa ye kandi umwereke n'intonde z'ibibazwa zujujwe nabi ku buryo bizaba ngombwa kumusubiza mu ngo kongera gukosora amakosa yakoze. Kugira ngo kandi umenyu ko umurimo w'Ibarura ugenda neza, ugomba kugenzura buri gihe niba buri mukarani w'Ibarura yuzuza neza ibikubiye mu gatabo k'agapande k'Ibarura (ifishi y'agapande k'Ibarura, Ifishi y'imiterere y'agapande k'Ibarura, ifishi y'urutonde rw'ibigo n'iy'ingo zituwe n'imbonerahamwe y'agapande k'Ibarura).

Ni ngombwa kandi kuzuza buri munsi ifishi y'imigendekere y'ibarura kugirango usuzume uko imirimo yakozwe n'isigaye gukorwa na buri mukarani w'Ibarura. Iyo fishi iboneka ku mugereka w'aka gatabo.

Mu gihe ukora igenzura mu ngo usuzuma niba abakarani b'ibarura barujuje intonde neza, toranya urugo rumwe ku ngo icumi, noneho ufate urutonde rw'ibibazwa rwujurijwe urwo rugo, usuzume niba izina rya nyir'urugo ariryo koko kimwe n'andi mazina y'abatuye urwo rugo kandi urebe ko ntawibagiranye. Suzuma niba n'ibindi bibazo byarasubijwe neza, niba harimo amakosa uyakosore. Nusanga ayo makosa ari menshi, saba umukarani wahabaruye gusubira muri urwo rugo.

#### **4.11 Izindi nshingano z'umugenzuzi w'udupande tw'Ibarura.**

Nyuma y'inshingano Umugenzuzi w'udupande tw'Ibarura afite mugihe hari n'izindi atagomba kwirengagiza:

1. Gukangurira abaturage kwitabira igikorwa cy'Ibarura rusange;
2. Umugenzuzi wawe w'umurenge kugushyikiriza amasakoshi arimo impapuro n'ibikoresho abakarani bawe b'Ibarura bazakoresha mu dupande tw'Ibarura, ugomba nawe gushyikiriza abakarani ushinzwe kuyobora mbere yuko bajya mu dupande twabo tw'Ibarura, uzabanza ushyikirize buri mukarani impapuro n'ibikoresho bya ngombwa kandi bihagije bizamufasha mu murimo we w'Ibarura. Mu gihe umukarani w'Ibarura atwaye cyangwa agaruye ibikoresho, azasinya ku ifishi yabigenewe y'iherekanya bikoresho.
3. Ugomba kandi gukora raporo, uzibanda kuri ibi bikurikira:
  - Gushyira abakarani b'Ibarura mu dupande twabo,
  - Ubufatanye n'inezgo z'ibanze,
  - Kumenya no gusuzuma imbibibi z'udupande tw'Ibarura,
  - Gusoma ikarita y'agapande k'Ibarura no kuvuga ku mirimo yakozwe n'abashushanya amakarita,
  - Gushyira nimero ku mazu, ingo n'ibigo,
  - Ingoranе wahuye nazо,
  - Inama n'umwanzuro.

Iyi raporo ni ingenzi cyane kuko ifasha umugenzuzi w'umurenge kumenya neza uko imirimo ibanziriza Ibarura yakozwe, bityo akaba yagufasha gukemura vuba ibibazo biri mu dupande ushinzwe kuyobora. Iyi raporo ugomba kuba wayigejeje ku mugenzuzi wawe bitarenze kuwa 16/08/2012.

## **V. HAKORWA IKI NYUMA Y'IBARURA?**

### **5.1 Kwegeranya intonde z'ibibazwa za buri gapande k'Ibarura**

Abakarani b'Ibarura bakimara kubarura ingo n'ibigo mu dupande bashinzwe, bagomba kwuzuza imbonerahamwe y'agapande k'Ibarura kabо, maze bakazikohherereza hamwe n'intonde z'ibibazwa za nyuma. Genzura niba ibisubizo byose byujujwe neza.

- Genzura umubare w'intonde z'ibibazwa zujujwe mu gapande
- Genzura umubare w'abantu babaruwe
- Suzuma imirongo yose y'ifishi y'ibigo n'ingo zituwe
- Genzura amazina y'abaraye mu ngo n'ibigo mu ijoro ry'Ibarura
- Genzura ibisubizo ku rutonde rw'ibibazwa

Niba usanze 20% mu murimo wakozwe n'umukarani uwo ariwe wese ari amakosa, wihutire kureba umugenzuzi wawe w'umurenge, kugira ngo mwigire hamwe icyo kibazo. Mwashobora kwongera gutangiza Ibarura muri ako gapande, cyangwa se mukwoherezayo

undi mukarani w'Ibarura ushoboye gukosora ayo makosa.

Ikosorwa nk'iryo rizakorwa igihe cyose uzasanga amakosa menshi mu ntonde z'ibibazwa. Ni ngombwa ko umugenzi w'udupande tw'Ibarura akora ku buryo ibibazo ari ibyibagiranye ari n'amakosa, bitakongera kuboneka, nyuma y'icyumweru Ibarura ritangiye

Gereranya umubare w'abantu babaruwe ku rutonde rw'ibibazwa muri buri gapande k'Ibarura n'umubare uri ku ifishi y'ingo n'ibigo bituwe, kugira ngo urebe nibabihuye. Irinde kandi kuvanga intonde zo mu dupande twawe. Intonde zikurikirana hakurikijwe inomero y'urugo.

Ugomba kandi kwakira ibikoresho byakoreshejwe mu Ibarura.

- Intonde zujujuwe, zangiritse, zabaye impfabusa n'izitujjuwe.
- Agatabo k'agapande k'Ibarura (imbonerahamwe). Aka gatabo karimo amafishi afite agaciro kamwe n'ak'urutonde rw'ibibazwa, kandi karimo ibantu by'ingenzi by'amabanga.
- Ikarita y'agapande k'Ibarura.
- Inzandiko zisaba kubonana n'ababa mu ngo zitujjuwe.
- Ibindi bikoresho byasigaye

Nusanga ibantu byose byuzuye, ushyire umukono wawe ku ifishi y'ibikoresho by'umukarani w'Ibarura iri ku mugereka w'aka gatabo. Nyuma uzayishyikirize umugenzi w'umurenge hakurikijwe gahunda aba yarabahaye.

## 5.2 Umwanzuro

Iri Barura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ugiye kugiramo uruhare ni irya kane riteguwe n'ighugu cyacu. Nk'umugenzi w'udupande tw'Ibarura, niwowe ighugu cyacu gihanze amaso kugira ngo hazaboneke imibare itunganye kandi nyayo ivuye mu dupande ushinzwe kugenzura. Gutungana kw'Ibarura kuzaterwa ahanini n'uburyo uzuzuza inshingano zawe. Twizeye ko utazazitezukaho. Uzagenzura buri munsi uko abakarani bakora umurimo w'Ibarura mu ngo, usuzume niba intonde z'Ibibazwa zuzuzwa neza.

- Bera intangarugero abo uyobora, maze wihe intego yo gutunganya neza umurimo w'Ibarura.
- Ishimire umurimo washinzwe, kandi ukore ibishoboka byose kugira ngo Ibarura Rusange rya Kane ry'Abaturage n'Imiturire ritungane.

***Gusa, ibyo wakora byose nuko wakwitanga kwose, ntabwo ushobora kuzuza inshingano zawe mu gihe cyose utasobanukiwe neza n'ibikubiye mu gatabo k'amabwiriza y'umukarani w'Ibarura. Iyi niyo nama y'ingenzi twakugira.***

# **IMIGEREKA**

## IFISHI Y'IBIKORESHO BY'UMUKARANI W'IBARURA

**INTARA :** .....

**AKARERE :** .....

**Umurenge:** .....

**Akagali :** .....

**N° y'agapande k'Ibarura (EA) :** .....

N° (1)	Ubwoko bw'ibikoresho (2)	Umubare wakiriwe		Umubare w'ibyasubijwe (5)	Icyitonderwa (6)
		Ubwa mbere (3)	Ubwa kabiri (4)		
1.	Ikarita y'umukarani w'Ibarura	.....	.....	.....	
2.	Urutonde rw'ibibazwa	.....	.....	.....	
3.	Urwandiko rusaba kubonana n'ababa mu rugo	.....	.....	.....	
4.	Agatabo k'amabwiriza y'umukarani w'Ibarura	.....	.....	.....	
5.	Agatabo k'agapande K'Ibarura	.....	.....	.....	
6.	Ikarita y'agapande K'Ibarura	.....	.....	.....	
7.	Ifishi y'imigendekere ya buri munsi y'Ibarura	.....	.....	.....	
8.	Ikaramu y'igitu	.....	.....	.....	
9.	Ikaramu y'ubururu	.....	.....	.....	
10.	Marikeri (Marqueur)	.....	.....	.....	
11.	Gomme	.....	.....	.....	
12.	Agasongora-karamu	.....	.....	.....	
13.	Ingwa	.....	.....	.....	
14.	Ikaye	.....	.....	.....	
15.	Umupira wo kwam- bara	.....	.....	.....	
16.	Uruhago rushyir- wamo urutonde rw'ibibazwa	.....	.....	.....	
17.	Ifishi ifasha kwakira no gusubiza ibikore- sho	.....	.....	.....	
18.	Uruhago rw'ibikoresho	.....	.....	.....	
19.	Igare (ku bakarani bazakorera ahantu ingo zitegeranye)	.....	.....	.....	

### UMUGENZUZI W'UDUPANDE TW'IBARURA

Nakiriye ibikoresho by'umukarani biri kuri (5)

Izina : .....

Umukono : .....

Itariki : .....

### UMUKARANI W'IBARURA

Nakiriye ibikoresho mpawe n'Umugenzuzi

biri muri (3) na (4)

Izina : .....

Umukono : .....

Itariki : .....

**IFISHI Y'IBIKORESHO BYAKIRIWE N'UMUGENZUZI  
W'UDUPANDE TW'IBARURA**

INTARA : .....

AKARERE : .....

Umurenge:.....

Akagali : .....

N° z'udupande tw'Ibarura (EA) : ...../...../...../...../.....

N° (1)	Ubwoko bw'ibikoresho (2)	Umubare wakiriwe		Umubare w'ibyasubijwe (5)	Icyitonderwa (6)
		Ubwa mbere (3)	Ubwa kabiri (4)		
1.	Ikarita y'umukarani w'Ibarura	.....	.....	.....	
2.	Urutonde rw'ibibazwa	.....	.....	.....	
3.	Urwandiko rusaba kubonana n'ababa mu rugo	.....	.....	.....	
4.	Agatabo k'amabwiriza y'umukarani w'Ibarura	.....	.....	.....	
5.	Agatabo k'agapande k'Ibarura	.....	.....	.....	
6.	Ikarita y'agapande k'Ibarura	.....	.....	.....	
7.	Ifishi ya buri munsi y'imigendekere y'Ibarura	.....	.....	.....	
8.	Ikaramu y'igit	.....	.....	.....	
9.	Ikaramu y'ubururu	.....	.....	.....	
10.	Marikeri (Marqueur)	.....	.....	.....	
11.	Gome	.....	.....	.....	
12.	Agasongora-karamu	.....	.....	.....	
13.	Ingwa	.....	.....	.....	
14.	Ikaye	.....	.....	.....	
15.	Umpupira wo kwam- bara	.....	.....	.....	
16.	Uruhago rushyir- wamo urutonde rw'ibibazwa	.....	.....	.....	
17.	Ifishi ifasha kwakira no gusubiza ibikores- ho	.....	.....	.....	
18.	Ifishi y'ibikoresho by'umugenzi w'udupande	.....	.....	.....	
19.	Borudero y'iherekanya ntonde z'ibibazwa	.....	.....	.....	
20.	Uruhago rw'ibikoresho	.....	.....	.....	
21.	Igare (ku bakarani bazakorera ahantu ingo zitegeranye)	.....	.....	.....	

**UMUGENZUZI W'UMURENGE**

Nakiriye ibikoresho ngaruriwe n'Umugenzu

w'udupande tw'Ibarura biri muri (5)

Izina : .....

Umukono : .....

Itariki : .....

**UMUGENZUZI W'UDUPANDE TW'IBARURA**

Nakiriye ibikoresho mpawe n'Umugenzu

w'umurenge biri muri (3) na (4)

Izina : .....

Umukono : .....

Itariki : .....

## RAPORO Y'IMIRIMO IBANZIRIZA IBARURA

Intara : ..... Akarere: .....

Umurenge : ..... Akagali : .....

1. Gushyiraho abakarani b'Ibarura :

.....  
.....  
.....

2. Ubufatanye n'inzego z'ibenze :

.....  
.....  
.....

3. Kumenya no gusuzuma imbibibi z'udupande tw'Ibarura:

.....  
.....  
.....

4. Gusoma ikarita y'agapande k'Ibarura no kuvuga ku mirimo yakozwe  
n'abashushanya amakarita umaze gusura agapande k'Ibarura kose :

.....  
.....  
.....

5. Gushyira nimero ku mazu, ingo n'ibigo :

.....  
.....  
.....

6. Ingorane wahuye nazo :

.....  
.....  
.....

7. Inama n'umwanzuro:

.....  
.....  
.....

Bikorewe i ..... , kuwa ... / 08 / 2012

Izina ry'umugenzi w'udupande tw'Ibarura : .....

Umukono : .....

# REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI

KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE IBARURA

## IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

P.O. Box 6139 Kigali. Tel.: (+250)252571035

Fax: (+250)252570705

E-mail:info@statistics.gov.rw

**IBARURA RUSANGE RYA KANE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE  
16 – 30 KANAMA 2012**

**Itegeko-nshinganwa: Iteka rya Perezida No, 02/01 ryo ku wa  
28/02/2011**

**IFISHI YA BURI MUNSI Y'IMIGENDEKERE Y'IBARURA**

# IFISHI YA BURI MUNSI Y'IMIGENDEKERE Y'IBARURA

## I. IGIKA L – AHO URUGO RUHEREREYE N’IBIRURANGA

- L01. INTARA / UMUJYI WA KIGALI: ..... | \_\_\_\_ |

L02. AKARERE: ..... | \_\_\_\_ |

L03. UMURENGE: ..... | \_\_\_\_ |

L04. AKAGARI: ..... | \_\_\_\_ |

L05. UMUDUGUDU: ..... | \_\_\_\_ |

L06. NIMERO Y'AGAPANDE K'IBARURA (Nº EA): ..... | \_\_\_\_ |

L07. UMUJYI / ICYARO: (Umujyi = 1, Icyaro = 2)..... | \_\_\_\_ |

Umugenzi w'Udupande tw'Ibarura  
Amazina:.....  
Umukono:.....  
Itariki yarangirijeho ibarura :....../08/2012

**BORUDERO Y'IHEREREKANYA NTONDE Z'IBIBAZWA HAGATI  
Y'UMUKARANI W'IBARURA N'UMUGENZUZI W'UDUPANDE  
TW'IBARURA**

**INTARA :** .....

**AKARERE :** .....

**Umurenge:** .....

**Akagali :** .....

**N° z'udupande tw'Ibarura (EA) :** .....

Italiki	Intonde z'ibibazwa zitujujwe		Intonde z'ibibazwa zujujwe	
	Umubare (1)	Umukono W'umukarani	Umubare (2)	Umukono W'umugenzi
Igiteranyo				

**UMUGENZUZI W'UDUPANDE TW'IBARURA**

Nakiriye intonde z'ibibazwa ziri kuri (2)

**UMUKARANI W'IBARURA RUSANGE**

Nakiriye intonde z'ibibazwa mpawe  
n'umugenzi ziri kuri(1)

Izina : .....

Izina : .....

Umukono : .....

Umukono : .....

Itariki : .....

Itariki : .....

**BORUDERO Y'IHEREREKANYA NTONDE Z'IBIBAZWA HAGATI  
Y'UMUGENZUZI W'UDUPANDE TW'IBARURA N'UMUGENZUZI  
W'UMURENGE**

**INTARA :**.....

**AKARERE :** .....

**Umurenge:**.....

**Akagali :** .....

**N° z'udupande tw'Ibarura (EA) : ...../..../..../..../.....**

Italiki	Intonde z'ibibazwa zitujujwe		Intonde z'ibibazwa zujujwe	
	Umubare (1)	Umukono W'umukarani	Umubare (2)	Umukono W'umugenzi
Igiteranyo				

**UMUGENZUZI W'UDUPANDE TW'IBARURA**

Nakiriye intonde z'ibibazwa ziri kuri (1)

**UMUKARANI W'IBARURA RUSANGE**

Nakiriye intonde z'ibibazwa mpawe  
n'umugenzi ziri kuri(2)

Izina : .....

Izina : .....

Umukono : .....

Umukono : .....

Itariki : .....

Itariki : .....

# REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI

KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE IBARURA

## IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

P.O. Box 6139 Kigali. Tel.: (+250)252571035

Fax: (+250)252570705

E-mail:info@statistics.gov.rw

**IBARURA RUSANGE RYA KANE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE  
16 – 30 KANAMA 2012**

**Itegeko-nshinganwa: Iteka rya Perezida No, 02/01 ryo ku wa  
28/02/2011**

**RAPORO Y'IMIRIMO IBANZIRIZA IBARURA**

# RAPORO Y'IMIRIMO IBANZIRIZA IBARURA

## I. IGIKA L – AHO URUGO RUHEREREYE N'IBIRURANGA

- |                                 |       |  |    |
|---------------------------------|-------|--|----|
| L01. INTARA / UMUJYI WA KIGALI: | ..... |  | __ |
| L02. AKARERE:                   | ..... |  | __ |
| L03. UMURENGE:                  | ..... |  | __ |
| L04. AKAGARI:                   | ..... |  | __ |
| L05. UMUDUGUDU:                 | ..... |  | __ |

### Sobanura mu magambo make uko imirimo yagenze

8. Gushyira abakarani b'Ibarura mu dupande tw'ibarura :

.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....

9. Ubufatanye n'inzego z'ibanze :

.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....

10. Kumenya no gusuzuma imbibi z'udupande tw'Ibarura:

.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....

11. Gusoma ikarita y'agapande k'Ibarura no kuvuga ku mirimo yakozwe n'abashushanya amakarita umaze gusura agapande k'Ibarura kose :

.....  
.....  
.....

.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....

12. Gushyira nimero ku mazu, ingo n'ibigo :

.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....

13. Ingorane wahuye nazo :

.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....  
.....

14. Inama n'umwanzuro:

Bikorewe i ..... , kuwa ... / 08 / 2012

Izina ry'umugenzi w'udupande tw'Ibarura : .....

Umukono :.....